# Urukingo rwa corona

Abaturage bose bafite imyaka 18 niyirenga bahabwa urukingo rwa coronavirusi . Urukingo baruhabwa kubuntu ata kiguzi.

**Ibyerekeye urukingo.**
Uzasanga amakuru rusange mu nyandiko/amajwi yerekeye urukingo yahinduwe mu ndimi zitandukanye hano kuri uru rubuga : http://www.fhi.no/publ/informasjonsark/koronavaksine-pa-1-2-3/

Hariho ibigo byinshi bikora inkingo za corona . Muri komine ya Indre Fosen , dutanga urukingo rwa Pfizer/BioNTech. Ariko birashoboka kandi ko bakoresha urukingo rwa Moderna cangwa izindi nkingo ziva ku bandi batanga amasoko y'inkingo. Ushobora kubona amakuru yahinduwe mu zindi ndimi yerekeranye n'inkingo hano kuri zino mbuga:

Vaksine mot koronavirus - Comirnaty (BioNTech og Pfizer)

Vaksine mot koronavirus - COVID-19 Vaccine Moderna

**Niryari uzabona urukingo?**

Nta nkingo zihagije zihari kuburyo buri wese yahita akingirwa icyarimwe, kubera iyo mpamvu, komine itanga inkingo ku baturage hakurikijwe icyemezo cyafashwe na guverinoma. Urutonde rukurikizwa runshingiye cyane cyane ku myaka. Ushobora kubona urutonde rwateganijwe kuri runo rubuga

Ikinorsk: www.indrefosen.kommune.no/koronavaksine

Icyongereza: www.indrefosen.kommune.no/corona

**Ni gute ushobora gusaba gahunda yo kubona urukingo?**

Iyo komine ifise urukingo rwo guha abaturage bari murugero rwo mumyaka yawe, bahita bakohereza ubutumwa kuri terefone yawe ngendanwa. Ubutumwa buvuga ko ushobora kujya kuri uru rubuga indrefosen.kommune.no/bestill. Winjira kuri urwo rubuga ukoresheje inomero ikuranga ya elegitoronike hanyuma ugahitamo umwanya nigihe cyo kuboneraho urukingo. Niba udafite inomero ikuranga ya elegitoronike cyangwa kubera izindi mpamvu udashobora gukoresha urubuga nkoranyambaga , urashobora guhamagara kuri terefone komini kugirango usabe gahunda: inomero ya terefone ni (+47) 74 85 51 00. Ugomba kuvuga niba ukeneye umusiguzi w'ururimi ku munsi uzaboneraho urukingo.

**Ibyumba byo kuboneramo urukingo biri he?**

Iyo usabye gahunda yo kubona urukingo, uhitamo kuzajya muri Risshallen cangwa i Smia. Byongeye, uhitamo itariki n'isaha uzaboneraho urukingo. Risshallen ni irya nyubako y'umutuku iri hejyuru y'ishure rya Åsly hagati mu mujyi wa Rissa. Smia nayo iherereye iruhande y'ishure rikuru rya Johan Bojer i Leksvik.

**Ibyingenzi ugomba kwibuka umusi wo kubona urukingo**

- Ni ngombwa ko ugera ku cyumba cyo kuboneramo urukingo ku gihe cyumvikanyweho. Niba urwaye cyangwa kubera izindi mpamvu udashoboye kwitabira gahunda, ugomba kubimenyesha kuri iyi nomero ya terefone(+47) 74 85 51 00.
- Umusi ugiye gufata urukingo , ugomba kugenda wambaye umwenda worohereza umuforomo kugutera urukingo kuburyo bworoshye hejuru ku kaboko kawe.
- Ugiye gufata urukingo, ugomba kuba ufite indangamuntu.
- Wibuke ingamba zo kwirinda ubwandu: Ugume mu rugo niba urwaye. Fata intera n'abandi kandi wambare agafukamunwa. Niba ata gafukamunwe kawe ufite, abakozi bari mu cyumba cyo gufatiramo urukingo bashyobora kukaguha.
- Niba utasabye gahunda y'urukingo ukoresheje ubuhanga nkoranyambaga, ugomba kuzuza ifishi yo kwimenyekanisha . Ifishi yo kwimenyekanisha ushobora kuyisanga hano kuri uru rubuga mu ndimi nyinshi: https://www.fhi.no/publ/skjema/egenerklaringsskjema-for-koronavaksinasjon/
- Urukingo rwa corona rutangwa mu byiciro bibiri. Umaze kubona urukingo rwa mbere, uzabona kandi gahunda yo kubona urukingo rwa kabiri.
- Nyuma yo kubona urukingo, ugomba kwicyara ugategereza mbere yo gusubira mu rugo. Bazakubwira igihe ugomba kumara wicyaye utegereje.
- Ingaruka z'urukingo: Soma neza hano ibyerekeranye n'ingaruka zisanzwe z'urukingo n'igihe ushyobora kuvugana n'umuganga bibaye ngombwa: https://www.fhi.no/publ/informasjonsark/koronavaksine-pa-1-2-3/

## Corona no kwirinda ubwandu bwayo

Komine ya Indre Fosen ikurikiza ingamba z'igihugu zo kwirinda ibwandu nkuko Leta ya Noruveje yazitangije. Nukanda hano kuri runo rubuga usangamo incamake y'ingamba zafashwe ziri mu ndimi nyishi zitandukanye: https://www.regjeringen.no/en/topics/koronavirus-covid-19/corona-information-in-other-languages/id2814563.

Ushobora kandi guhamagara ukavugana n'umuntu avuga urundi rurimi ukabona amakuru yerekeranye n'ingamba z'igihugu zafashwe: inomero wahamagarako ni 815 55 015.

Ushobora guhitamo ururimi wifuza muguhitamo aho ukanda:

- Icyongereza: banza wandike inomero 9 uhitemo urutonde rw'indimi, ucye ukanda kuri 1.
- Icyarabu: banza wandike 9 uhitemo urutonde rw'indimi, uhite ukanda 3.
- Igisomali: banza wandike 9 uhitemo urutonde rw'indimi , uhite ukanda 4

Niba uburwayi bw'icyorezo cya corona virusi bwiyongereye ku rugero rukabijye muri komine ya Indre fosen, birashobora gukomera cyane hagafatwa ingamba zikomeye kurushya ingamba z'igihugu cya Noruveje. Tuzahita tuvugurura urubuga www.indrefosen.kommune.no . Niba ukoresha imashini nkoranyambaga , ushobora guhindura iyo paji ya interineti ukoresheje urubuga ruhindura indimi rwa Google ugakanda kuri " sobanura " hejuru i buryo.

## Saba gahunda yo kwipimisha corona.

Ufite ibimenyetso by'ubwandu bwa corona ? Reba kuri uru rubuga amakuru yahinduwe mu rurimi wumva yerekeranye n'ibimenyetso by'ubwandu hamwe n'icyo wahita ukora igihe urwaye:
https://www.fhi.no/nettpub/coronavirus/infomateriell/generell-informasjon-koronavirus-pa-flere-sprak/

Saba gahunda yo gufata ibipimo : Ushobora gusaba gahunda yo gufata ibizamini kuri runo rubuga : https://timebestilling.remin.no/indre_fosen

Niba udashobora gukoresha ubuhanga bwa interineti , hamagara kwa muganga kuri iyi nomero ya terefone (+47) 41 70 24 00.